Ukwezi k'umunani 21, 2020
DR-4557-IA NR002
HSEMD: HSEMDpio@iowa.gov
Amakuru avuye muli FEMA: (816) 283-7095

# Itangazo

## Ni Iki Gikurikiraho Iyo Umaze Kwiyandikisha

*Bamwe mu barokotse bashobora guhamagarwa kugirango kugenzura uko inzu imeze.*

**DES MOINES, Iowa-** Niba utuye mu ntara ya Linn, ukaba warangirijwe n'imiyaga itoroshye y'itariki 10 z'ukwezi kwa munani, ushobora kwemererwa ubufasha bwa FEMA.

Ubufasha butangwa na FEMA kubafite inzu zabo bwite, bukubiyemo imfashanyo yo kuyisana kugirango inzu ishobore guturwamo. Imfashanyo y'igihe gito yo gukodesha icumbi kubafita inzu cyangwa bakodeshaga irahari. Ubufasha bwa FEMA burashobora kandi gufasha mubindi bikenerwa bijyanye n'ibiza, nko gusimbuza ibikoresho by'ibanze byo mu nzu, hamwe n'amafaranga yo kwivuza.

Icyambere, niba utarabikora, vugana n'isosiyete yawe yubwishingizi hanyuma utange ikirego cyibyangijwe n'ibizazane wagize. Singombwa gutegereza FEMA kugirango utangire gukora isuku, ariko birakenewe ko ufata amafoto cyangwa video z'ibyangiritse, no kubika inyemezabwishyu z'ibintu byose waguze byo gusana.

Niba hari ibintu watakaje bitari mu bwishingizi, vugana na FEMA kuri uyu murongo DisasterAssistance.gov cyangwa ubahamagare kuri 800-621-3362. TTY hamagara 800-462-7585.

Ibyangombwa bikenewe kugirango wiyandikishe:

- Aderesi y'ahari ibintu byangiritse
- Aderesi yaho ubarizwa
- Nimero ya telephone

- Nimero y'ubwiteganyirize
- Ubwishingizi mufite
- Amafaranga abo mubana bose binjiza
- Konte ya banki yaho FEMA izohereza amafaranga
- Gusobanura icyatumye ibintu byawe byangirika

**Gusuzuma inzu na COVUD-19**
Niba waravuze ko udashobora kuguma mu nzu urimo, bishora kuba ngombwa ko FEMA iza kugenzura ibyangiritse.

Kubera ikibazo cyihutirwa kirebana na COVID-19 mu gihugu cyose, no kubungabunga ubuzima bw'Abanyamerika bose, bamwe mu bagenzuzi ba FEMA bazahamagara abasabye ubufasha kugirango basubize ibibazo byerekeranye n'ibintu byangiritse. Kugenzurira kure ibyangiritse, abagenzuzi ba FEMA bazahamagara abarimo gushaka imfashanyo kugirango basubize ibibazo birebana n'ibyangiritse. Kugenzurira kure ibyangiritse ni uburyo bushya bwo kumenya ibyangiritse; ntaho bitaniye n'uko ibintu byakorwaga mbere, umugenzuzi yiyiziye ubwe. Ubu buryo butuma imfashanyo zigera vuba kubagiye bemererwa.

Abarokotse basaba ubufasha ariko inzu itaronekaye cyane kandi bakiyituyemo, ntabwo bazajya kuri gahunda yo kugenzura inzu iyo barimo kwaka imfashanyo. Ahubwo bazabona ibaruwa ya FEMA ibasobanurira ko bashobora guhamagara FEMA basaba ubugenzuzi bwo kureba ibyangiritse babonye baramaze kuzuza impapuro zo gusaba impashanyo.

Isesengura ry'ibyangiritse ziracyakomeza kandi izindi ntara zikeneye ubufasha zizakomeza kumenyeshwa.

Niba ufite ibibazo, hamagara FEMA kuli 800-621-3362. TTY 800-462-7585. Niba ukoresha 711 cyangwa video Relay hamagara 800-621-3362.

# # #

Kubindi bisobanuro ku ibiza byabaye muri Iowa hamwe n'andi makuru atandukanye, injira kuri https://dhs.iowa.gov/disaster-assistance-programs na www.homelandsecurity.iowa.gov

*Inshingano ya FEMA ni ugufasha abantu mbere, mugihe, na nyuma yibiza.*

*Imfashanyo irahari utitaye ku bwoko, ibara, idini, ubwenegihugu, igitsina, imyaka, ubumuga, kumenya icyongereza cyangwa imari ufite. Niba wowe cyangwa undi umuntu uzi neza ko yarenganijwe, hamagara FEMA kuri 800-621-FEMA (3362) cyangwa 711 kugirango bagufashe murebana kuri video. Indimi zitangukanye zirahari.*

*Inshingano ya HSEMD: Kuyobora, guhuza no gushyigikira ibikorwa by'umutekano mu gihugu ndetse n'ibikorwa byo gutabara byihutirwa hagamijwe ibyiza bya rusange no guteza imbere ubukungu bwa Iowa n'abaturage bayo.*